

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA

GASABO

ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.

Umwaka wa 2022 umunsi wa 14 w' ukwezi kwa Ukwakira;

Twebwe UWERA Immaculee, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWANTEGE Mariane;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo uwitwa BENIMANA Olivier mwene NSEKAMBABAYE na MUKAGASANA Eularie utuye mu gihugu cy'u Rwanda, Intara y'Iburasirazuba, Bugesera, Juru, Mugorore, Mugorore, warezwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo gusambanya umwana, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 4 y'itegeko n° 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019 rihindura itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganyaho ibyaha n'ibihano muri rusange

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite nimeru 02244/IPRL GASA/2021/FM/DU cyageze mu rukiko kuwa 24/06/2021 14:31 cyandikwa kuri RP 01010/2021/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko BENIMANA Olivier atitabiriye iburanisha ry'urubanza ryo ku wa 13/12/2022 kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, iburanisha ry'urubanza yarezwemo n'Ubushinjacyaha ryashyizwe tariki ya 23/02/2023 09:00 za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'ya 161 z'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'ubushinjacyaha iteganyaho uko uwihishe cyangwa



uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse BENIMANA Olivier kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa 23/02/2023 09:00 za mu gitondo kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

DUTEGETSE ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kinatangazwa ku rubuga rw'ubutegetsi bw'ubucamanza www.judiciary.gov.rw no ku mbuga nkoranyambaga arizo@Rwanda Judiciary(Tweeter) na Supreme court of Rwanda (Facebook) .

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

Bikorewe i Gasabo ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.

Se

Immaculee UWERA

UMUCAMANZA



Se

Mariane UWANTEGE

UMWANDITSI